	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR166I175v2
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe Kanama 2009
TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : URUTOKI		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	AJENDA Y'UBUHINZI/MINAGRI

Itariki inyandiko yasohokeyeho	2008-2009

Umubare w'amapagi	3

URUTOKI

1. Aho urutoki ruhingwa : ruhingwa cyane cyane ku nkombe z'i Kivu no ku murambi no mu mukenke by'iburasirazuba.

2. Ubutaka : Insina ikunda ubutaka bw'ibumba buvanze n'imborere kandi buhitisha amazi.

3. Amoko yamamazwa : Hari amoko menshi ariko atangwa n'ubushakashatsi ni aya:
*** *Mu biribwa***: Inganji, Mbwaziruma, Injagi, Mporogoma, Cyerwa
*** *Mu bitoki by'imineke***: Poyo, Kamaramasenge, Fhia 17 & 25

4. Gutegura umurima
Imirimo isabwa ni ibiri ariyo: kurwanya isuri no guhinga umurima neza no gucukura imyobo izajyamo insina. Iyo myobo igira cm 80 z'ibijyakuzimu na cm 100 z'umurambararo. Ubutaka buvuye hejuru bugasubizwa mu mwobo bukavangwa n'ifumbire.

5. Gufumbira :
* Bakoresha kg 20 z'ifumbire y'imborera iboze neza mu mwobo umwe; bakongeramo g 125 za NPK 17.17.17 cyangwa 125 g za uree mu gihe cy'itera.
* Nyuma insina zimaze gukura, ifumbire izajya ishyirwa ku muzenguruko w'insina (muri cm 60) mu gaferege katari karekare kugira ngo imizi y'insina itangirika. Ifumbire ishyirwa ku insina rimwe cyangwa kabiri mu mwaka mu gihe cy'imvura.

6. Gutera imibyare

Haterwa imibyare ingana na 1100 kuri Ha, kuko hagati y'imirongo ari m 3 na metero 3 hagati y'umwobo n'undi.

Batera imibyare ivuye mu rutoki rutarwaye kandi rwera neza, isongoye hejuru, ifite inguri nini; imizi n'ibitaka byavanyweho kandi ifite uburebure buri hagati ya cm 80 na cm 150. Mu mwobo, bashyiramo umubyare umwe. Ni byiza kandi iyo urutoki rutewe mu mvura y'umuhindo bivuga hagati ya Nzeli n'Ukwakira.

7. Gufata neza urutoki mu mirima

Mu mirimo y'ingenzi: twavuga gusasira, gushangurura, kuzicira, gukata imyanana, kuzitega inzego kurimbura inguri zishaje, gusimbura urutoki rushaje no kurwanya indwara n'ibyonnyi.

8. Ibyonnyi n'indwara by'ingenzi byangiza urutoki

Ibyonnyi:

a) Imungu y'insina: Ni agakoko gasa n'umukara gafite umunwa muremure ko mu bwoko bw'ibivumvuri kitwa Cosmopolites sordidus. Igishorobwa cyako ni umweru, umutwe wacyo usa numuhondo uvanze n'ikigina. Nta maguru kigira. Nicyo gitobagura imyobo mu nguri. Iyo iyo myobo imaze kuba myinshi umuyaga utari mwinshi utuma insina yibirindurira hasi.

Ibimenyetso: Amakoma y'insina yafashwe cyane ahinduka umuhondo agapfunyarara nyuma akuma. Insina zamuzwe zigaragara neza cyane mu gihe cy'impeshyi n'igihe zitangiye kwana.

Uburyo bwo kuyirwanya no kuyikumira:

Mu gukumira icyo cyonnyi, ni ugukorera neza urutoki, gutera imibyare ivuye mu rutoki rutarwaye, gutera bundi bushya nyuma y'imyaka itatu nibura aharanduwe izari zarafashwe no gutega imungu batemagura imitumba bamaze gucaho igitoki bakawurekera hasi ibyo bice kugirango bikurure imungu. Nyuma bivanwa mu rutoki bakabitwika. Ni ngombwa kurimbura inguri zishaje, ukirinda kongeramo insina mu rutoki igihe rukirimo izafashwe n'imungu.

Indwara z'ingenzi:

a) Indwara ya Fizariyoze (fusariose): Iterwa n'agahumyo bita Fusarium oxysporium. Iyo gafashe insina, amakoma agenda aba umuhondo uhereye kuyo hasi; nyuma y'iminsi mike, amakoma aruma maze agatendera ku mutumba, umwumba nawo uhita wuma.

Ikimenyetso:

- Iyo utemye umutumba usangamo ububore bugaragazwa n'amabara y'ikigina n'ay'irabura.

Uko barwanya iyo indwara: kubera ko iyo ndwara ishobora kumara igihe kirekire mu butaka, ni ngombwa kurandura no gutaba insina zose zafashwe zigasimbuzwa iz'ubwoko bwihanganira iyo ndwara (nibura nyuma y'umwaka) nk'intuntu, intokatoki, inyamunyu n'izindi cyangwa indi myaka. Ni ngomba kandi kudatera insina uvanye mu murima wagaragaweho iyo ndwara.

b) Kirabiranya y'urutoki:

Iterwa na bagiteri bita *Banana xanthomonas Campestris f. cubens*.

Ikimenyetso :
Insina yafashwe niyo bagiteri, amakoma yazo ararabirana, umutumba wayo ukavamo amashyira y'umuhondo, amabere y'igitoki atangira kuneka atarakura kandi wamanyura ibere ry'igitoki ugasangamo ibara ry'ikigina imbere, umwanana urabora kandi ukuma.
Indwara ikwirakwizwa n'inzuki zitara ubuki, imibyare irwaye n'ibikoresho bidasukuye.

Uko bayirwanya
Umuhinzi agomba guca umwanana ukoresheje isando, amabere ya nyuma akimara gusohoka mu mwanana; gutera imibyare myiza nk'ivuye muri Laboratwari, gusukurisha ibikoresho umuriro no gutema no gutaba insina zirwaye.

c) Karadosiporiyoze y'urutoki:
Iyi ndwara iterwa n'agahumyo bita Cladosporium musae. Igaragazwa n'amabara maremare y'ikigina kivanze n'umukara ku makoma.

Ikimenyetso :
Amakoma yafashwe cyane aruma kandi iyo ndwara ikunze kwigaragaza mu gihe cy'imvura ivanze n'ubuhehere bwinshi.

Uko bayirwanya
Mu gukumira iyo ndwara, umuhinzi agomba kwirinda gutera insina azegeranije ahubwo akazicira buri gihe kugira ngo umwuka n'urumuri bitemberemo neza. Agomba kandi gufumbira urutoki rugahora rutohagiye no gutera ubwoko bukunda kurwanya iyo ndwara.

9. Igihe rwerera: Urutoki rwerera hagati y'amezi 12-15 kuri bitoki by'inzoga n'ibiribwa, naho ku bitoki by'imineke ni hagati y'amezi 18-20.

10. Gusarura no guhunika:
* Ibitoki bicibwa igihe bikomeye koko bagahita babiteka cyangwa babitara.
* Umusaruro ushobora kuboneka ni hagati ya toni 8 na toni 35 kuri Ha 1.